# REPUBULIKA Y'U RWANDA

# KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE ABANA (NCC)

## Amabwiriza yo kuzuza Ifishi yo kubaruriraho abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi

**Ugushyingo 2013**

# ISHAKIRO


Ibijyanye n'agatabo k'amabwiriza........ 3

Akamaro k'iyi fishi........ 3

Ibikubiye muri iyi fishi........ 3

Abazuzuza iyi fishi........ 3

Igihe iyi fishi yuzurizwa........ 4

Amakuru umuryango ukwiriye kumenya mu gihe cy'ibarura........ 4

Igikorwa cy'ibarura nyir'izina........ 4

IGICE CYA 1: UMWIRONDORO W'UMWANA........ 6

IGICE CYA 2: AMAKURU Y'UMUBYEYI/UMURERA/UMURYANGO........ 7

IGICE CYA 3: IMIBEREHO Y'UMWANA........ 8

IGICE CYA 4 : AHUZUZWA N'ABAFITE INSHINGANO MURI IKI GIKORWA........ 16

## Ibijyanye n’agatabo k’amabwiriza

Aka gatabo k’amabwiriza gasobanura ku buryo burambuye ibikubiye mu ifishi yo kubarururiraho abana bugarijwe n’ibibazo kurusha abandi yateguwe na Komisiyo y’Igihugu Ishinzwe Abana. Iyi nyandiko igenewe gufasha abakozi bahuguwe mu bijyanye n’igikorwa cyo kubarura abana bugarijwe n’ibibazo kurusha abandi. Aya mabwiriza asobanura neza buri gice cy’ifishi abana bugarijwe n’bibazo kurusha abandi bazabarurirwaho kandi hakagaragaramo ibisobanuro birambuye bifasha mu kuzuza iyi fishi.

# Intangiriro

## Akamaro k’iyi fishi

Iyi fishi ije yunganira uburyo bwemejwe na Minisiteri y’Uburinganire n’Iterambere ry’Umuryango (MIGEPROF) bwakwifashishwa n’inzego zitandukanye mu gutoranya abana bugarijwe n’ibibazo kurusha abandi.

## Ibikubiye muri iyi fishi

Iyi fishi yo kubaruriraho abana bugarijwe n’ibibazo kurusha abandi igaragaza uburyo burambuye bwo kubarura ushingiye ku biranga umwana ubwe ndetse n’umuryango we/aho arererwa. Iyi fishi ikusanya amakuru ku mwana, ku muntu umurera ndetse n’aho arererwa. Iyi fishi ifasha kugaragaza iby’ingenzi byerekana ko umwana cyangwa umuryango we batishoboye. Amakuru akusanyirijwe kuri iyi fishi azifashishwa mu gushyiraho gahunda zitandukanye, gucyemura ibibazo no gufasha abatanga serivise zitandukanye mu bikorwa bijyanye no kurengera abana no guteza imbere uburenganzira bw’umwana.

## Abazuzuza iyi fishi

Iyi fishi igomba kuzuzwa n’abazakora ibarura babihuguriwe. Amakuru agomba gukusanywa atangwa n’abarera abana bari ahantu hatekanye kandi hitaruye. Mu gihe umwana adafite umurera mukuru, hari ibibazo bimwe na bimwe atabazwa nk’uko biza kugaragazwa mu mabwiriza akubiye muri aka gatabo.

Amakuru agomba gutangirwa aho umwana aba cyangwa hafi yaho. Mu gihe bigaragaye ko umwana adafite aho aba, amakuru agomba gutangirwa ahantu hatekanye ku buryo usubiza yumva yisanzuye.

## Igihe iyi fishi yuzurizwa

Iyi fishi igomba kuzuzwa inshuro imwe kuri buri mwana utishoboye uri mu rugo rwasuwe. Amakuru yakusanyijwe mu gihe cy'ibarura agomba gushyikirizwa inzego z'ubuyobozi bw'ibanze bireba kugira ngo hashyirweho uburyo buboneye bwo gusuzuma ndetse no gushyiraho gahunda yo kwiga ku byavuye mu bushakashatsi.

## Amakuru umuryango ukwiriye kumenya mu gihe cy'ibarura

Gusobanurira imiryango ko akamaro k'iyi gahunda ni ingenzi. Ni yo mpamvu imiryango igomba kumenyeshwa icyo iyi gahunda igamije ndetse n'uko izashyirwa mu bikorwa. Mu gusobanura iyi gahunda, hazagaragazwa by'umwihariko ko amakuru akenewe azifashishwa **gusa** mu gushyiraho igenamigambi rirambye mu gukemura ibibazo byugarije abana. Ibi bizatuma abatanze amakuru batagira ibyo bategereza birenze ibyo babwiwe igihe iki gikorwa kizaba kigeze ku musozo.

Ni ngombwa ko ubutumwa buzatangwa butegurwa neza kandi bukagezwa ku bazakora ibarura bazahugurirwa iki gikorwa mbere y'uko batangira kubarura abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi.

## Igikorwa cy'ibarura nyir'izina

## Itangiriro

Ibikubiye mu nyandiko iri hasi bigomba gusomerwa usubiza ibibazo mbere y'uko huzuzwa ifishi y'ibarura. Ibyo bimaze gusomwa, ugomba gutanga amakuru azahabwa umwanya wo kwemera cyangwa kwanga gutanga amakuru.

**Soma iyi nyandiko mbere yo kuzuza ifishi y'ibarura:**

*Muraho, nitwa [AMAZINA Y'UKUSANYA AMAKURU]. Nje hano kugira ngo ngire ibibazo nkubaza byerekeranye n'imibereho y'umuryango wawe, by'umwihariko iy'abana. Intego y'iyi gahunda ni ukugira ngo hamenyekane amakuru y'abana bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi mu gihugu, hagamijwe gushyiraho igenamigambi rirambye mu kubikemura.*

*Amakuru mugiye gutanga azagirwa ibanga kandi abikwe mu ikusanyirizo ry'amakuru (Database). Icyakora, aya makuru ashobora guhabwa inzego za Leta bireba n'abandi bafatanyabikorwa mu gihe habonetse ubufasha bwo gukemura ibibazo abana bazaba bagaragara ko batishoboye bafite.*

*Kugira uruhare muri iki gikorwa ni ubushake. Iki gikorwa nikirangira, hazabaho inama y'umudugudu yo kurebera hamwe no kwemeza amakuru yose azaba yakusanyijwe kugira ngo hasuzumwe niba amakuru yatanzwe ari ukuri kandi ko byakozwe mu mucyo. Waba wemera ko twafatanya kuzuza iyi fishi muri uyu mwanya?*

NIBA IGISUBIZO ARI "OYA", mubaze niba hari ikindi gihe wazamusurira. Abyanze, wakomereza ku rundi rugo.

## IGICE CYA 1: UMWIRONDORO W'UMWANA

Igice cya 1 cyerekana amakuru y'ibanze ku mwana n'aho atuye. Amakuru yose ari mu gice cya 1 yerekeye umwana. Urera umwana agomba gusubiza ibi bibazo byose. Niba umwana adafite umuntu mukuru umurera, ni we usubiza ibibazo byose byo muri iki gice.

| Umwirondoro w'umwana | ***Ibisobanuro*** |
|---|---|
| 1.1 Izina ry'Umuryango | Andika izina ry'Umwana ry'umuryango (Urugero: HAKIZIMANA) |
| 1.2 Irindi zina (Izina rye ry'idini) | Andika izina ry'Umwana ry'idini (Urugero: Theogen). Niba umwana atarifite, ntugire icyo wandikamo. |
| 1.3 Andi mazina | Andika andi amazina. Niba nta rindi zina afite, nta kintu wuzuzaho |
| 1.4 Itariki y'amavuko | Andika itariki umwana yavutseho:umunsi/ukwezi/umwaka. (Urugero niba umwana yaravutse tariki ya 6 Ugushyingo 1998, wandika 06/11/1998). Niba itariki n'ukwezi umwana yavukiyeho bitazwi, andika 01/01/umwaka. (Urugero: Niba umwana yaravutse muri 1998 ariko itariki n'ukwezi bikaba bitazwi, andika 01/01/1998) |
| 1.5 Igitsina | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'gabo' niba umwana ari umuhungu<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'gore' niba umwana ari umukobwa |
| 1.6 Nomero y'irangamuntu | Ku bana bafite imyaka 16 no kuzamura, musabe irangamuntu ye wandike nomero yayo. Niba nta rangamuntu umwana afite, andika "Ntayo". |
| 1.7 Intara | Andika Intara umwana atuyemo ubu. |
| 1.8 Akarere | Andika Akarere umwana atuyemo ubu. |
| 1.9 Umurenge | Andika Umurenge umwana atuyemo ubu. |
| 1.10 Akagari | Andika Akagari umwana atuyemo ubu. |
| 1.11 Umudugudu | Andika Umudugudu umwana atuyemo ubu. |

## IGICE CYA 2: AMAKURU Y'UMUBYEYI/UMURERA/UMURYANGO

Igice cya 2 kigaragaza amakuru y'ababyeyi b'umwana bombi (se na nyina) cyangwa se umurera. Baza urera umwana amakuru mu gice cya 2.

| Umwirondoro w'urera umwana | *Ibisobanuro* |
|---|---|
| 2.1 Amazina ya se | Andika amazina ya se w'umwana. Banza wandike izina ry'umuryango rya se hanyuma ukurikizeho izina rye ry'idini. Urugero: NKURIKIYINKA Valens. Niba usubuza atayazi, andika: "Ntazwi". |
| 2.2 Nomero y'irangamuntu ya se | Saba irangamuntu ya se wandike nomero yayo. Niba atayifite, andika: "Ntayo". |
| 2.3 Amazina ya nyina | Andika amazina ya nyina w'umwana. Banza wandike izina ry'Umuryango hanyuma ukurikizeho izina ry'idini; Urugero: MUKASHEMA Alexia. Niba usubiza atayazi, andika "Ntazwi". |
| 2.4 Nomero y'irangamuntu ya nyina | Saba irangamuntu ya nyina wandike nomero yayo. Niba atayifite, andika: "Ntayo". |
| 2.5 Amazina y'umurera<br>(niba umurera atari se cyangwa nyina) | Niba urera umwana ubu **atari** se cyangwa **atari** nyina, andika amazina ye. Banza izina ry'umuryango ukurikizeho izina rye ry'idini. Niba urera umwana ari se cyangwa nyina umubyara, wihuzuza. |
| 2.6 Nomero y'irangamuntu y'urera umwana | Niba urera umwana ubu atari se cyangwa nyina umubyara, musabe irangamuntu ye wandike nomero yayo. Niba urera umwana adafite irangamuntu, andika: "Ntayo".<br>Niba urera umwana ari se cyangwa nyina umubyara, wihuzuza. |
| 2.7 Isano umwana afitanye n'umurera | Ereka isano iri hagati y'umwana n'umurera ushyira akamenyetso mu kazu kari imbere yahanditse isano iri hagati yabo |
| 2.8.1 Ese ababyeyi be barafunze? | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse "Yego" niba hari umubyeyi w'umwana |

| Umwirondoro w'urera umwana | *Ibisobanuro* |
|---|---|
| | ufunzwe.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse "Oya" niba ari nta mubyeyi w'umwana ufunzwe. |
| 2.8.2 Niba ari yego, ninde ufunzwe? | Niba nyina w'umwana afunze se akaba adafunze, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse "Nyina".<br>Niba se w'umwana afunze nyina akaba adafunze, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse "se".<br>Niba ababyeyi be bombi bafunze, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse "bombi". |
| 2.9 Icyiciro cy'Ubudehe umuryango w'urera abarirwamo: | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse "Icyiciro cya 1" niba umuryango w'urera umwana ubarirwa mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse "Icyiciro cya 2" niba umuryango w'urera umwana ubarirwa mu cyiciro cya kabiri cy'ubudehe. |

## IGICE CYA 3: IMIBEREHO Y'UMWANA

Igice cya 3 kigaragaza amakuru ajyanye n'imibereho y'umwana. Baza urera umwana ayo makuru.

| Imibereho y'umwana | *Ibisobanuro* |
|---|---|
| 3.1.1 Ese ubu umwana ariga? | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Yego' niba umwana yiga. Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Oya' niba umwana atiga.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Ntiyigeze agera mu ishuli' niba umwana atarigeze ajya mu ishuli. |

| Imibereho y'umwana | ***Ibisobanuro*** |
|---|---|
| 3.1.2 Niba yiga, ari mu kihe cyiciro, yiga mu wuhe mwaka? | Niba ku kibazo kibanziriza iki yasubije 'oya', jya ku kibazo nomero 3.1.3.<br>Niba ku kibazo kibanziriza iki yasubije 'yego', shyira akamenyetso ku cyiciro umwana yigamo.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'ishuri ry'incuke' niba umwana yiga muri icyo cyiciro kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n'umwaka w'ishuri yigamo ubu.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'amashuri abanza' niba umwana yiga muri icyo cyiciro kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n'umwaka w'ishuri yigamo ubu.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye' niba umwana yiga muri icyo cyiciro kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n'umwaka w'ishuri yigamo ubu.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'icyiciro cya 2 cy'amashuri yisumbuye' niba umwana yiga muri icyo cyiciro kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n'umwaka w'ishuri yigamo ubu.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'amashuri y'imyuga' niba umwana yiga mu mashuri y'imyuga kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n'umwaka w'ishuri yigamo ubu. |
| 3.1.3 Niba ubu atiga, yize amashuri angahe? | Niba umwana yiga jya ku kibazo nomero 3.2.<br>Niba umwana atiga, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse icyiciro cya nyuma cy'amashuri yize kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n'umwaka w'ishuri yagarukiyemo.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'ishuri ry'incuke' niba umwana yaragarukiye muri icyo cyiciro kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n'umwaka w'ishuri yigarukiyemo.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'amashuri abanza' niba umwana yaragarukiye muri icyo cyiciro kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n'umwaka w'ishuri yagarukiyemo.. |

| Imibereho y’umwana | ***Ibisobanuro*** |
| --- | --- |
| | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘icyiciro cya mbere cy’amashuri yisumbuye’ niba umwana yaragarukiye muri icyo cyiciro kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n’umwaka w’ishuri yagarukiyemo.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘icyiciro cya 2 cy’amashuri yisumbuye’ niba umwana yaragarukiye muri icyo cyiciro kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n’umwaka w’ishuri yagarukiyemo..<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘amashuri y’imyuga’ niba umwana yaragarukiye muri icyo cyiciro kandi uce uruziga ku mubare ujyanye n’umwaka w’ishuri yagarukiyemo.. |
| 3.1.4 Niba atiga biterwa n’iyihe mpamvu? | Niba umwana atiga, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse impamvu zibitera.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘kubura amafaranga y’ishuri’ niba atiga kubera ko nta bushobozi bwo kubona amafaranga y’ishuri.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse “Kubura ibikoresho by’ishuri” niba adafite ibikoresho by’ishuri nk’amakayi, amakaramu, n’ibindi.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘kubura imyenda y’ishuri’ niba umwana atiga kubera ko adafite imyenda y'ishuri n’inkweto.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Inshingano zo kurera abo bavukana’ niba umwana atiga kubera ko agomba kwita ku bandi bana bavukana<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Gutwita’ niba umwana atiga kubera ko yatwaye inda<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Kubura ibyo kurya mu rugo iwabo’ niba umwana atiga kubera kutabona icyo arya mu rugo iwabo<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Kuba |

| Imibereho y’umwana | ***Ibisobanuro*** |
| --- | --- |
| | afite ubumuga’ niba umwana atiga kubera impamvu z’ubumuga afite zitamworohereza kujya kwiga n’abandi bana<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Kubera uburwayi’ niba umwana atiga kubera uburwayi yarwaye igihe kirekire<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse “Yagiye gukorera amafaranga’ niba umwana atiga kubera ko akora indi mirimo imwinjiriza amafaranga<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Ubuzererezi’ niba umwana atiga kubera ko yabaye inzererezi<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Kuba atarageza igihe cyo kwiga’ niba umwana atiga kubera ko akiri muto atarageza imyaka yo kwiga.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘izindi mpamvu’ niba umwana atiga kubera izindi mpamvu zitari ku rutonde kandi uzandike. |
| 3.2 Ese umwana afite ubumuga? | Niba umwana nta bumuga afite shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘oya’.<br>Niba umwana afite ubumuga butandukanye, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘yego’. Niba igisubizo ari ‘yego’ shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ubwoko bw'ubumuga afite.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘kutabona’ niba umwana afite ubumuga bwo kutabona.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘kutumva’ niba umwana afite ubumuga bwo kutumva.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘kutavuga’ niba umwana afite ubumuga bwo kutavuga.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘kutumva no kutavuga’ niba umwana afite ubumuga bwo kutumva no kutabona.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Ubumuga |

| Imibereho y’umwana | ***Ibisobanuro*** |
|---|---|
| | bw’ingingo’ niba umwana afite ubumuga bw’ingingo’<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Ubumuga bwo mu mutwe’ niba umwana afite ubumuga bwo mu mutwe.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Ubumuga bukomatanyije’ niba umwana afite ubumuga burenze bumwe.<br>Niba umwana afite ubumuga butandukanye n’uburi ku rutonde, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘ubundi’ kandi ubwandike. |
| 3.3 Imiterere y'inzu umwana abamo | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse “Nziza” niba Umwana aba mu icumbi ritekanye, rikwiye (ubwisanzure), kandi abaho nk’abandi bantu bo mu rugo.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse “Iciriritse” niba umwana aba mw’icumbi rifite ubwisanzure buke, ariko abaho nk’abandi babana mu rugo.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse “Ni mbi” niba umwana aba mu icumbi ridakwiye, rikeneye byinshi byo gusanwa (ntirimukingira imvura n’umuyaga), riracucitse, afashwe nabi kurusha abandi bo mu rugo. |
| 3.4 Ese umwana afite ubwisungane mu kwivuza? | Niba umwana afite ubwishingizi mu kwivuza, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Yego’.<br>Niba igisubizo ari “yego” musabe ikarita y’ubwisungane mu kwivuza urebe ko ari iy’uwo mwaka.<br>Niba utanga amakuru avuze ko afite ikarita y’ubwisungane mu kwivuza ariko ntabashe kuyikwereka, icyo gihe hashyirwa akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Oya’.<br>Niba umwana adafite ubwishingizi mu kwivuza, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Oya’. |
| 3.5 Ese umwana yaba afite indwara idakira? | Niba umwana afite indwara idakira izwi kandi yaremejwe na muganga, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘yego’. Niba igisubizo ari ‘yego’, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ubwoko bw’indwara idakira afite. Niba umwana afite indwara idakira itandukanye n’iziri ku rutonde, |

| Imibereho y'umwana | *Ibisobanuro* |
|---|---|
| | shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'izindi' kandi uyandike.<br>Niba umwana nta ndwara idakira afite, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'oya'. |
| 3.6 Ese umwana yaba agaragaza ibimenyetso by'imirire mibi? | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'yego', niba agaragara ko afite ibiro bike ugereranyije n'ibipimo fatizo byo mu kigero cye, yaragwingiye, umusatsi n'uruhu rwe byarahinduye ibara ndetse anatinda gukira indwara nk'impiswi, ibikomere n'izindi.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Oya' niba umwana akura neza, afite igihagararo, ibiro n'ingufu bijyanye n'ikigero cye. |
| 3.7.1 Ese umwana yaba ari imfubyi? | Niba umwana ari imfubyi, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Yego'.  Niba umwana atari imfubyi shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Oya'. |
| 3.7.2 Niba umwana ari imfubyi, ni kuri nde? | Niba umwana ari imfubyi,<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Ise' niba yarapfushije se.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Nyina' niba yarapfushije nyina.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Ababyeyi bombi' niba yarapfushije se na nyina. |
| 3.8.1 Ese umwana afite umuntu mukuru umwitaho kandi umukurikirana? | Niba umwana afite umuntu mukuru umukurikirana,  Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse "Yego".  Niba umwana adafite umuntu mukuru umwitaho kandi umukurikirana, Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse " Oya". |
| 3.8.2 Niba ari Oya, abayeho ate? | Niba  umwana yavuze ko nta muntu mukuru umwitaho kandi umukirikirana,<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Arirera' niba umwana yibana ari nta muntu mukuru umwitaho<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Ayoboye |

| Imibereho y’umwana | *Ibisobanuro* |
|---|---|
| | urugo’ niba umwana ariwe ukuriye urugo kandi yita ku bandi bana bo murugo<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Aba mu rugo ruyobowe n’undi mwana’ niba umwana arerwa n’undi mwana ufite imyaka iri munsi ya 18 y’amavuko. |
| 3.9 Ese umwana agaragaza ibihe bimenyetso muri ibi bikurikira? | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Ahora Yigunze’ niba umwana akunda kuba ari wenyine; ntashake kwegera cyangwa gusabana n’abakuru cyangwa bagenzi be.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Umushiha’ niba umwana arangwa n’umunabi, umujinya uhoraho kandi nta mpamvu ifatika<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Urugomo’ niba umwana akunda kwenderanya no guhohotera abandi bana bagenzi be.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Kubura ibitotsi’ niba umwana arara akanuye kubera kubura umutekano muri we<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Agahinda gahoraho’ niba umwana agarazagaza ibimenyetso byo kwiheba no kutagira igihe na kimwe yishima, guhora abababaye nta rimwe yishima cyangwa ngo yisanzure muri bagenzi be.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Akoresha ibiyobyabwenge’ niba umwana anywa ubwoko ubwo ari bwo bwose bw’ibiyobyabwenge biboneka mu Rwanda. Urugero nk’urumogi, kanyaga, kokayine, n’ibindi.<br>Niba ari ntakimenyetso na kimwe umwana agaragaza mu byavuzwe haruguru, Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Nta na kimwe’. |
| 3.10.1 Ese umwana yaba akeneye ubufasha mu bijyanye n’amategeko amurengera? | Niba umwanya akeneye ubufasha mu bijyanye n’amategeko amurengera,<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Yego’.<br>Niba nta bufasha akeneye, Shyira akamenyetso mu kazu kari |

| Imibereho y’umwana | ***Ibisobanuro*** |
|---|---|
| | imbere y’ahanditse “ Oya”. |
| 3.10.2 Niba ari yego, ni ubuhe bufasha akeneye? | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Kunganirwa mu nkiko’ niba umwana akeneye kunganirwa mu nkiko<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Gukurikirana umutungo yambuwe’ niba umwana akeneye gufashwa kugira ngo asubizwe ibyo yambuwe |
| 3.11 Ni iyihe muri iyi mirimo umwana akoreshwa? | Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse akazi kajyanye n’imirimo umwana akoreshwa:<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Akora mu mirima y’icyayi’ niba umwana afite akazi akora mu mirima y’icyayi nko gusarura icyayi.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Akora mu mirima y’ibisheke’ niba umwana afite akazi akoreshwa mu mirima y’ibisheke.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Akora mu mirima y’umuceri’ niba umwana afite akazi akoreshwa mu mirima y’umuceri<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Akora mu birombe’ niba umwana akoreshwa mu birombe nko gucukura amabuye y’agaciro.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Yikorera imizigo” niba umwana yikorera imizigo y’abandi kugira ngo ahembwe.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Akorera abandi mu rugo’ niba umwana akoreshwa akazi ko mu rugo hatari iwabo.<br>Shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Akora mu kabari’ niba umwana akoreshwa imirimo yo mu kabari<br>Niba ari nta murimo umwana akoreshwa mu mirimo yagaragajwe, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y’ahanditse ‘Ntawo’ |

| Imibereho y'umwana | *Ibisobanuro* |
|---|---|
| 3.12 Ese hari ubufasha umwana ahabwa n'abaterankunga/Leta? | Niba hari serivisi umwana ahabwa na Leta cyangwa umuryango nterankunga ufasha abana batishoboye, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'yego' maze unandike izina ry'ikigo cya leta cyangwa ry'umuryango nterankunga uha umwana iyo serivisi.<br>Niba utanga amakuru adasobanukiwe neza ufasha umwana, andika 'ntuzwi'<br>Niba nta bufasha umwana ahabwa na Leta cyangwa umuryango nterankunga ufasha abana batishoboye, shyira akamenyetso mu kazu kari imbere y'ahanditse 'Oya'. |

## IGICE CYA 4 : AHUZUZWA N'ABAFITE INSHINGANO MURI IKI GIKORWA

Igice cya nyuma cy'iyi fishi cyagenewe kuzuzwa n'abafite inshingano muri iki gikorwa ari bo: ubarura, urera umwana, uhagarariye ihuriro ry'abana ku rwego rw'Umudugudu, umukuru w'Umudugudu. Buri wese muri aba bavuzwe haruguru yandika ahabugenewe amazina ye, nomero ye ya telefone, itariki akanashyira umukono kuri iyi nyandiko. Iyo ashyize umukono kuri iyi nyandiko aba yemeje ko amakuru ari ku ifishi ari ukuri.

| ABAFITE INSHINGANO MURI IKI GIKORWA | *Ibisobanuro* | | | |
|---|---|---|---|---|
| | Amazina | Nomero za telefoni # | Umukono | Itariki |
| Ubarura | Andika amazina y'uwabaruye wujuje ifishi. | Andika nomero ya telefoni umuntu ashobora kubonaho uwabaruye ku buryo bworoshye. | Uwabaruye ashyira umukono ahabugenewe. | Andika itariki (umunsi/ ukwezi/umwaka) uwabaruye yashyiriye umukono ku ifishi. |
| Urera umwana | Andika amazina y'urera umwana watanze | Andika nomero ya telefoni umuntu ashobora | Urera umwana ashyira | Andika itariki (umunsi/ ukwezi/umwaka) |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | amakuru. | kubonaho urera umwana ku buryo bworoshye. | umukono ahabugenewe. | urera umwana yashyiriye umukono ku ifishi. |
| Uhagarariye ihuriro ry’abana ku rwego rw’Umudugudu | Andika amazina y’uhagarariye ihuriro ry’abana ku rwego rw’Umudugudu. | Andika nomero ya telefoni umuntu ashobora kubonaho uhagarariye ihuriro ry’abana ku rwego rw’Umudugudu ku buryo bworoshye. | Uhagarariye ihuriro ry’abana ku rwego rw’Umudugudu ashyira umukono ahabugenewe. | Andika itariki (umunsi/ ukwezi/umwaka) uhagarariye ihuriro ry’abana ku rwego rw’Umudugudu yashyiriye umukono ku ifishi. |
| Umukuru w’Umudugudu | Andika amazina y’umukuru w’Umudugudu. | Andika nomero za telefoni umuntu yabonaho umukuru w’Umudugudu ku buryo bworoshye. | Umukuru w’Umudugudu ashyira umukono ahabugenewe. | Andika itariki (umunsi/ ukwezi/umwaka) Umukuru w’Umudugudu yashyiriye umukono ku ifishi. |